



IMBATA Y'ISOMO: GUKORESHA IBIHINGWA-FUMBIRE MU IKAWA

IGIHE CYOSE: Isaha 1 n'iminota 30

ABAHUGURWA: Abahinzi

UHUGURA: Uhugura Abahinzi

AHO BIBERA: Umurima/Ishuli

INTEGO:

INTEGO Z'ISOMO

- INTEGO YA 1: Gusobanura ibihingwa-fumbire icyo ari cyo n'akamaro kabyo mu buhinzi bwa kawa
- INTEGO YA 2: Ubwoko bw'ibihingwa-fumbire biberanye n'uturere dutandukanye.
- INTEGO YA 3: Gusobanura igihe cyo gutera ibihingwa-fumbire n'uburyo bwo kubibungabunga.

- **IBIKORESHO:**
- Imbutu y'ibihingwafumbire.
- Umurima wa kawa wo guteramo ibihingwafumbire

IGIHE	INGINGO Z'INGENZI
Iminota 5	<p>GUTANGIRA:</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Kwibwirana<ul style="list-style-type: none">○ Uhugura○ Abahugurwa○ Abashyitsi <p>KWIBUKIRANYA: Intego</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Uku kwezi tuziga ku gukoresha ibihingwafumbire mu ikawa <div style="border: 1px solid black; padding: 5px; margin-top: 10px;"><p>UMWITOZO: Gutinyurana Hitamo agakino ko gutinyurana kabereye abahugurwa</p></div>
Iminota 15	<p>1. INTEGO YA 1: Gusobanura ibihingwa-fumbire icyo ari cyo n'akamaro kabyo mu buhinzi bwa kawa.</p>



	<p>Baza: Ibihingwa fumbire ni Iki? Bimaze iki mu ikawa?</p> <p>Ibisubizo:</p> <p>Ibihingwa-fumbire ni ibimera biterwa hagamijwe:</p> <ul style="list-style-type: none">• kurinda ubutaka,• kubwongerera uburumbuke,• kugabanya isuri,• aho kuba ibyo gusarurwa. <p>Mu buhinzi bwa kawa bifasha:</p> <ul style="list-style-type: none">• kubungabunga ubutaka,• kugabanya ibyatsi bibi,• kongera azote mu butaka														
<p>30 min</p>	<p>INTEGO 2: Gusobanura Ubwoko bw'ibihingwafumbire biberanye na buri gace n'imiterere yabyo</p> <p>Sobanura : Ubwoko bw'ibihingwafumbire biberanye na buri gace:</p> <table border="1" data-bbox="391 1167 1448 1795"><thead><tr><th>Ibihingwafumbire</th><th>Uturere</th></tr></thead><tbody><tr><td>Arikisi pintoi</td><td>Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi</td></tr><tr><td>Mucuna</td><td>Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare, Rwamagana, gatsibo, Kamonyi</td></tr><tr><td>Inkori</td><td>Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare</td></tr><tr><td>Desmodiyumu.</td><td>Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi</td></tr><tr><td>Mimoza</td><td>Huye, Nyanza, Gisagara</td></tr><tr><td>Veci</td><td>Nyamasheke, Rutsiro, Rubavu, Burera, Gakenhe, Rurindo</td></tr></tbody></table>	Ibihingwafumbire	Uturere	Arikisi pintoi	Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi	Mucuna	Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare, Rwamagana, gatsibo, Kamonyi	Inkori	Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare	Desmodiyumu.	Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi	Mimoza	Huye, Nyanza, Gisagara	Veci	Nyamasheke, Rutsiro, Rubavu, Burera, Gakenhe, Rurindo
Ibihingwafumbire	Uturere														
Arikisi pintoi	Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi														
Mucuna	Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare, Rwamagana, gatsibo, Kamonyi														
Inkori	Bugesera, Kayonza, Kirehe, Nyagatare														
Desmodiyumu.	Rwamagana, Gatsibo, Kamonyi														
Mimoza	Huye, Nyanza, Gisagara														
Veci	Nyamasheke, Rutsiro, Rubavu, Burera, Gakenhe, Rurindo														



Sobanura : Ibiranga bimwe mu bihingwa-fumbire

Arakisi Pintoi

- Kimara imyaka myinshi
- Gitwikira ubutaka neza
- Gifata azote mu kirere
- Gikurira no mu gicucu

Veci

- Kirarandaranda (1–2 m)
- Gitwikira ubutaka cyane
- Kongera azote (100–150 kg/ha)
- Kigabanya Udukoko tuba mu butaka tubi twitwa nematodes

Mimoza

- Kimara igihe kirekire
- Gishobora gucurana n'ikawa intungagigingwa
- Giterwa ku ntera ihagije

Desmodiyumu

- Gitwikira ubutaka >80%
- Kigabanya ibyatsi bibi

Mucuna

- Gitwikira ubutaka mu byumweru 6–8
- Azote: 60–150 kg/ha
- Gisaba kugenzurwa kuko cyurira ikawa

Inkori

- Gikura vuba
- Kigabanya ibyatsi n'ikirare
- Cyongera Azote mubutaka kukigero cya 60–90 kg/ha



<p>20 Min</p>	<p>Intego 3: Gusobanura uburyo bwo gutera ibihingwa-fumbire no kubibungabunga</p> <p>Baza : Muratekereza ko ibihingwa fumbire biterwa gute:</p> <p>Ibisubizo:</p> <p>Gutegura ubutaka neza</p> <p>Kunyanyagiza imbuto zingana</p> <p>Gutera hagati y'imirongo y'ikawa</p> <p>Kwirinda guhinga cyane hafi y'imizi ya kawa</p> <p>BAZA: Ni ikihe gihe cyiza cyo gutera ibihingwafumbire ? Kubera iki?</p> <p><i>Icyitonderwa: Ganira n'abahugurwa kugihe cyiza cyo gusasira.</i></p> <p>IBISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none">• Mu ntangiriro y'igihe cy'imvura kugirango bimere vuba bitwikire ubutaka• Igihe cyo gutera kawa nshya: Kuberako kawa iyo zikiri nto ziba zifite amashami macye kandi mato kuburyo ubutaka buba bukeneye gutwikirwa kugirango budatembanwa n'isuzi <p>Sobanura:</p> <p>Urugero w'igipimo cy'imbuto giterwa n'ubwoko:</p> <ul style="list-style-type: none">○ Mucuna: 25–30 kg/ha○ Arakisi pintoi: 5–10 kg/ha <p>BAZA : Nigute tugomba kubungabunga ibihingwafumbire kugirango bitabangamira ibiti bya kawa?</p> <p>IBISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none"><input type="checkbox"/> Kugenzura ko bitarengera ibiti bya kawa<input type="checkbox"/> Kubikata cyangwa kubimanura igihe bikenewe
---------------	---



	<input type="checkbox"/> Kubungabunga intera hagati yabyo n'ikawa
Iminota 10	<p>GUSOZA:</p> <p>UMWITOZO: Isuzuma bumenyi <i>Icyitonderwa k'uhugura: Koresha ibibazo by'isuzuma ugenzure ugusobanukirwa utanga umurongo aho bikenewe.</i> Baza abitabiriye ibibazo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Ni akahe kamaro k'ibihingwafumbire mu ikawa▪ Ni iki umuhinzi yakora kugirango ibihingwafumbire bitabangamira ibiti bya kawa? <p>IBIBAZO N'IBISUBIZO</p> <p>INTAMBWE ZIKURIKIRA:</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Shimira abahinzi kuba bitabiriye amahugurwa.▪ HAMWE, mwemeze itariki n'igihe by'amahugurwa y'abahinzi mu murima P2P.